
# INYUNGU ZO KUMENYA IBINYABUZIMA NAHO BIKWIYE KUBA MURI GAHUNDA YO GUTERA IBITI BIVANGWA N’IBIHINGWA

Gahunda yo gutera ibiti bivangwa n’imyaka igira ingaruka nziza cyane kubidukikije mu kuzamura uburumbuke bw’ubutaka n’urusobe rw’ibinyabuzima no gutuma bisekuru bizakukurikira bizaba bifite imirima myiza. Nka gahunda rusange y’ubuhinzi, ubuhinzi bw’ibiti bivangwa n’imyaka butanga icyizere cyo kugira umuryango mugari mu gihe kirambye ndetse n’ejo hazaza h’ubuhinzi.

1. Gutezimbere urusobe rw’ibimera bigizwe n’amoko atandukanye, ndetse no gukurura udusimba dutuma haba kubangurira nk'inzuki n'ibinyugunyugu
2. Gutanga igicucu kigabanya imvura n’ubushyuhe byinshi ku bihingwa, inyamaswa, no ku bahinzi
3. Imiterere myiza y’ubutaka butwikiriwe n’ibinyabuzima bigabanya isuri, bigatuma amazi yinjira mu butaka
4. Kongera intungagihingwa ku bihingwa bitewe n’uburyo imizi ishora kure cyane ndetse n’ibiti bikurura azote mu kirere, bigatuma ubutaka budatwarwa n’isuri kubera uburyo imizi ari miremire
5. Kongera ibikorwa by’ibinyabuzima mu kugabanya ubushyuhe bw’ubutaka, bituma ibibora bituruka kubiti biba ubuturo n’ibiryo by’udukoko n’ibinyabuzima bitandukanye
6. Bituma ubutaka bugira imiterere bukagumana ubuhehere ndetse n’ubushobozi bwo kugumana intungagihingwa
7. Kurinda umuyaga, izuba n’imvura nyinshi, kugabanya umuvuduko w’amazi atemba, isuri no gutakaza amazi binyuze mu mwuka utumuka bitewe n’ubushyuhe n’izuba ryinshi
8. Gutanga aho gutura inshuti z’abahinzi zirya udukoko no kwirinda gukwirakwira kw’indwara




Naturland
german cooperation
Supported by Invest for Jobs
Implemented by sequa